IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME MU BUKANGURAMBAGA BWO GUTEZA IMBERE UBURERE N'UBUREZI BW'UMWANA W'UMUKOBWA.

BUGESERA, 28 WERURWE 2017

Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,

Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba,

Mayor w'Akarere ka Bugesera

Bayobozi bakuru mu nzego zitandukanye z'igihugu cyacu,

United Nations Resident Coordinator,

Esteemed Partners,

Ba Nyacyubahiro mwese muri hano,

Babyeyi, Bana bacu,

Mwaramutse neza!

Mbanje kubaramutsa, nabashimira ko mwaje muri benshi kwifatanya natwe muri ibi birori.

Uyu munsi duhujwe no kwizihiza abana b'ababakobwa babaye indashyikirwa, bagatsinda neza ibizamini bya Leta bisoza icyiciro cy'amashuri abanza, icyiciro rusange ndetse n'amashuri yisumbuye.

Iyi ni imwe muri gahunda ngarukamwaka dukora mu rwego rwo kwizihiza ukwezi kwahariwe iterambere ry'umugore no gukomeza guteza imbere uburere n'uburezi bw"umwana w'umukobwa.

Uyu mwaka akaba ari ku nshuro ya 12 Imbuto Foundation ihemba abana b'abakobwa batsinze neza. Turashimira abakobwa 227 bahembwe, baje basanga izindi ***'Inkubito z'Icyeza'*** bakuru babo barenga 4,400 bahembwe mu myaka yashize. Mumfashe dushimire abo bana b'abakobwa.

Dutangira ubu bukangurambaga, intego yari ukugira ngo dukangurire abana b'abakobwa kujya mu ishuri (school enrollment), bakiga kandi bagasoza ibyiciro byose (school retention) kandi bakaba indashyikirwa mu mitsindire (excellence).

Muri urwo rugendo duharanira gufasha umwana w'umukobwa kwigirira icyizere, ariko kandi tukaboneraho n'umwanya wo guhura n'ababyeyi, abarezi, n'umuryango nyarwanda muri rusange, ngo tuganire ku nzitizi zitandukanye zibangamira uburere n' uburezi bw'abana b'abakobwa ndetse tunazishakire umuti.

Aba bana b'abakobwa baratwereka ko iyo wiganye umwete, ukagira intego mubyo ukora byose, ntacyakubuza gutsinda kandi neza.

Muri iki gikorwa n'ubwo twizihiza abana b'abakobwa batsinze neza, ntitwabashimira bonyine dusize abarezi babo, bamarana

umwanya munini, babigisha iby'ubwenge bwo mu ishuri biherekejwe no kubatoza imyitwarire myiza.

Abarezi, ku bw'umuga, ni bo badufasha kumenya buri mwana n'icyo ashoboye kurusha ibindi, aho afite intege nke bakamenya uko akwiye gufashwa no gukurikiranwa ngo yige kandi atsinde neza.

Ntitwakwirengagiza intambwe igaragara imaze guterwa n' ababyeyi bamaze kumva ko abana bose bakwiriye kugana ishuri.

Dusubije amaso inyuma tukareba uko imyigire n'imitsindire y'abana b'abakobwa yari ihagaze mu myaka 12 ishize dutangira ubu bukangurambaga, turishimira ibyagezweho kuko imibare yerekana ko abakobwa nabo batsinda neza hafi ku rugero rumwe na basaza babo, nubwo atari mu byiciro byose.

Mu mwaka wa 2005, abakobwa batsinze ibizamini bisoza amashuri abanza bari 39,1% mu gihe mu mwaka 2016 abatsinze ari 55,1%.

Twakomeje gushyira umwihariko ku bana b'abakobwa, hagamijwe guhindura imwe mu myumvire yatumaga hari abatekereza ko umukobwa hari amahirwe n'uburenganzira bitamureba, harimo n'ayo kwiga ndetse no gukora imirimo imwe n'imwe.

Imbaraga dushyira mu gushishikariza abana kwiga amashuri abanza, no kuyasoza ni nazo dukwiye gushyira mu guharanira

ko bakomeza kwiga no mu bindi byiciro ndetse bakanabitsinda neza.

Turashimira kandi Leta y'U Rwanda kuri gahunda y'uburezi bw'ibanze buha amahirwe angana abana bose kandi igafatanya n'ababyeyi mu kongera no kwegereza abana amashuri.

Babyeyi,

Duhereye ku nzitizi twumvise zibangamira imyigire n'imitsindire y'abana bacu, cyane abana b'abakobwa, buri wese yasobanukiwe uruhare rwe mu guhangana nazo.

Ibi byose nk'ababyeyi dushobora kubibarinda tubereka akamaro ko kwiga, ariko kandi tukanubahiriza inshingano zacu zo kubashakira ibibatunga, kubabonera umwanya wo kuganira, kubabera urugero no kubaha uburere bwiza.

Twongere tubishyire mu mihigo yacu nk'ababyeyi duharanire kwigisha abana bose, tubatoze ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bakiri bato kuko bibafasha mu myigire no mu mikurire yabo muri rusange. Bizabafasha gukura bubahana, bamenye gushyigikirana no gutizanya imbaraga aho bikenewe.

Bana b'abakobwa,

Nkunda kubabwira kenshi nti ***'Umwana uzi ubwenge, bamusiga yinogereza'***, ibi ndizera ko n'abato muri mwe babyumva.

Ntaho byatugeza gukomeza gushyira ho ingamba ziborohereza gusubizwa uburenganzira mwari mwarambuwe ngo mubashe kuba indashyikirwa nk'abo dushimira uyu munsi, mwebwe mutabigizemo uruhare.

Abana b'abakobwa bafite inshingano zo gukorana umwete, bakagira intego mu buzima, aho bakeneye ubufasha bakabusaba ababakuriye, ariko kandi bakirinda kurangara.

Ni ngombwa kandi ko mufatanya n'ababyeyi ndetse n'abarezi banyu mu gukemura ibibazo muhura nabyo.

- Hari abana bashukwa n'abantu bakuru, bakabashora mu ngeso mbi zibangiriza ubuzima.
- Hari abana batwara inda bakiri bato bagahura n'ibibazo byo gufata inshingano zitoroshye zo kurera nabo bagikeneye kurerwa, n'ingorane zo kubura ubuzima mu gihe babyara kuko imibiri yabo iba itabibemerera. Ndagira ngo aha nsabe "Inkubito z'Icyeza" mu ihuriro ryabo, kuko dufitanye namwe igihango. Aha nagira ngo mbwire Bonifride, Marcelline na Patricie bahagarariye abandi, badufashe gukora ubukangurambaga mu bakobwa bacu tubashe kugabanya abana b'abakobwa babyara bakiri bato, kuri ubu bari ku

gipimo cya 7%. Mwige uburyo bwo kubera urugero abari ku ntebe y'ishuri(role model) nk'ubuhamya twumvise uyu munsi.

- Hari abana bata ishuri babeshywe ko bagiye gushakirwa amashuri meza cyangwa imirimo myiza bikabaviramo gucuruzwa no gukoreshwa imirimo itabereye abana…

  Aha ndagira ngo mbasabe namwe mube ijisho ry'ubuyobozi igihe muzi ko hari mugenzi wanyu wataye ishuri cyangwa se ubabwiye ko hari uwifuza kumushakira akazi. Mubimenyeshe ubuyobozi bityo muzaba murinze mugenzi wanyu gucuruzwa n' izindi ngorane zose yahura nazo.

Rubyiruko, **Bana bacu,**

Tubibutsa kenshi ko mugomba gukoresha neza amahirwe muhabwa n'igihugu cyababyaye. Ni amahirwe abongerera ubumenyi, akabashishikariza kwizigamira, guhanga udushya no gukora ubushakashatsi, byose bigamije guteza imbere igihugu cyacu.

Nagira ngo mbasabe mumfashe dushimire abo dufatanya muri uru rugendo rwo guteza imbere uburezi bw'umwana w'umukobwa barimo Minisiteri y'Uburezi, UNICEF, Rwanda Development Board (RDB), Rwanda Education Board (REB), Workforce Development Agency (WDA), Tumba College of

Technology, ibigo by'amashuri yisumbuye n'inzego z'ubuyobozi zitandukanye.

Intambwe twishimira uyu munsi imaze kugerwaho ndetse n'imihigo duhiga uyu munsi, byose ntitwabigeraho tutabonye abafatanyabikorwa.

Munyemerere mbere yo gusoza, ngire icyo mbwira abashyitsi turi kumwe uyu munsi batumva ururirimi rwacu.

Dear Partners,

We thank you for joining us on yet another year of rewarding and celebrating the best performing girls in the country. This year, like the previous ones, has shown us how much every effort that we put towards education results, in more girls pursuing their education with such vigour and enthusiasm.

We are often reminded, that the development of our people and the country heavily relies on the education of its people. Without properly and vigilantly investing in the education sector, signifies that all other sectors of our country will not reach their full potential.

We must also recognize that our efforts to support and promote initiatives and programmes that value girls' education would not be a reality without the support and encouragement from the community, parents and teachers.

Mu gusoza nagira ngo nshimire ubuyobozi bw'Akarere ka Bugesera bwatwakiriye uyu munsi, namwe mwese mwaje gushyigikira aba bana bacu.

Bana bacu mwese muri hano, nimwe dutezeho amizero yo gukomeza kubaka U Rwanda. Kwiga ni wo murage umubyeyi wese aharanira guha umwana we. Nimwiga neza mufite intego ntakizababuza kuyigeraho, bityo mutere ishema ababyeyi banyu.

Mukomeze kutubera abana b'intangarugero. Igihugu kizakomeza gukora ibishoboka byose ngo muzavemo Abanyarwanda b'Indashyikirwa bazakomeza agaciro k'U Rwanda.

Abahembwe muri uyu mwaka, mbifurije gukomeza kuba 'Inkubito z'icyeza n'ishema ry'abakobwa.'

Mugire Umunsi mwiza!